# 127: Mukiza, numvis’ ijwi Ryawe

1.

a.

Mukiza, numvis’ ijwi Ryawe ry'imbabazi
Rimpamagara ngo nozwe N'amaraso yawe.

Ref:

Nditabye, Yesu, Ndaje, Mukiza. Amaraso wavuye Anyoz' antunganye.

2.

Dor' ukonje, nihebye, Ibyaha ni byinshi: Byose ndabikuzaniye, Naw’ubikureho.

3.

Kand' uramp’umutima Wuzuy' urukundo, Wuzuye kwizera na ko N'amahoro menshi.

4.

Kand’uzajy'umfashisha Imbabazi nyinshi. Ibyo wansezeranije Uzabisohoza.

5.

Nshim’amaraso yawe, Ankurahw ibyaha; Mpimbaz' imbaraga zawe Zinkiz' intege nke.

Visit us at indirimbo.com